

## **ABAPARI, ABAFRATRI BAFITE UBUTUMWA BWO KWITA KU MATSINDA Y'ABANA HAMWE N'ABAREZI B'AMATSINDA Y'ABANA MU NAMA NYUNGURANABITEKEREZO KU NYUNDO**



*Padiri Fabiyani RWAKAREKE atangiza inamanyungurana-bitekerezo y'abapadiri n'abafratri bafite ubutumwa bwo kwita ku matsinda y'abana hamwe n'abarezi b'amatsinda y'abana muri buri Paruwasi.*

Tarikiya 15/05/2019 kuri Centre Pastoral Saint Jean Paul II, habaye inama nyungurana-bitekerezo yahuje Biro ya Diyosezi ishinzwe Iyogezabutumwa, abapadiri ,abafratri bafite ubutumwa bwo kwita ku matsinda y'abana n'abahagarariye abarezi b'amatsinda y'abana baturutse muri Paruwasi zose zigize Diyosezi ya Nyundo. Iyo nama yayobowe na Padiri Fabiyani RWAKAREKE, umuyobozi wa Biro ya Diyosezi ishinzwe Iyogezabutumwa.

Muri iyo nama, buri paruwasi yari ihagarariwe n'abantu babiri, umwe uhagarariye Komite y'amatsinda y'abana muri Paruwasi n'umupadiri cyangwa umufratri ushinzwe amatsinda y'abana muri Paruwasi.

Mu gutangiza inama Padiri Fabiyani RWAKAREKE yibukije abari aho intego y'amatsinda y'abana agenderaho “ Dawe bakumenye kandi babe umwe” ari nayo nyito y'agatabo kagenewe gufasha abita kumatsinda y'abana muri Diyosezi ya Nyundo. Padiri yavuze ko muri iyo nama abayirimo bazashakira hamwe ibyafasha kugira ngo abana barusheho kumenya Imana kandi bagenze koko nk'abana b'Imana. Ibyo bisaba ko abana bumva neza isano yabo n'Imana ibagira abavandimwe bikagaragarira mu mibanire yabo. Padiri yaboneyeho kubwira abar imuri iyo nama ko bazarebera hamwe uko bahuza inyigisho ziteganyijwe mu gatabo k'amatsinda y'abana n'ibihe bya Liturjiya. Basanze bakwiye guhurira kuri ibi bikurikira:

- Abana bajye bahura rimwe mu cyumweru kumunsi n'isaha byemejwe

- Abana bazajya bagira Misa nibura rimwe mu kwezi, bishobotse bahurire kuri Paruwasi
- Buri kwezi hakwiye kubaho inama ya komite y'amatsinda y'abana ku rwego rwa Paruwasi.
- Kabiri mu mwaka abarezi b'amatsinda y'abana bakwiye kugenerwa amahugurwa
- Rimwe na rimwe amahugurwa y'igihembwe yasimburwa n'imyiherero cyane cyane nko mu bihe bikomeye bya Kiliziya (Bitegura Noheli cyangwa Pasika).
- Buri mwaka abana bizihiza umunsi w'Iyogezabutumwa ry'abana (ku cyumweru cya gatatu cy'ukwezi kwa kabiri).

Ku birebana n'ibikorwa by'urukundo, ibi bikurikira bikwiye kwitabwaho:

- Gutoza abana kumenya bagenzi babo bababaye mu muryangoremezo
- Gutoza abana gusangira ibyishimo hagatiyabo no gukomeza uwababaye mu muryangoremezo
- Gusurana hagati y'amatsinda aturanye, santrali kuyindi ndetse aho bishoboka na Paruwasi zigasurana
- Ku birebana n'isanduku y'itsinda, ababyeyi bakwiye gushishikarizwa kujya bafasha abana kugira ngo isanduku yabo ikomere.
- Umwana ugiye guhabwa amasakramantu azajya ahabwa icyemezo cy'itsinda ry'abana abarizwamo.
- Gutoza abana ibikorwa byateza imbere isanduku yabo mu muryangoremezo.

Padiri Fabiyani RWAKAREKE yabajiye abitabiriye inama niba barashyize mu bikorwa imyanzuro y'inama iheruka, bamushubije ko bagerageje kuyishyira mu bikorwa kandi ko yatanze imbuto zishimishije.

Dore imwe mu myanzuro yafashwe muri iyo nama n'imbogamizi zagaragajwe:

- Mu bayobozi bo ku rwego rwa Paruwasi, santrali n'inama hakwiye kubaho by'umwihariko ushingwa gukurikirana ibikorwa by' amatsinda y'abana.
- Imiryango y'Agisiyo Gatolika n'Amakoraniro y'abasenga nayo ikwiye gutoza abayigize kwita kumatsinda y'abana.
- Muri buri muryangoremezo birakwiye ko hashyirwaho abantu 2 bakurikiranira hafi imikorere y'itsinda ry'abana muri uwo muryangoremezo.

Hari imbogamizi zagaragajwe:

-Hari ababyeyi banga kohereza abana mu itsinda.

Kuri iyi ngingo abari mu nama basabye ko inzego zinyuranye za Kiliziya zabanza kumva ubwazo agaciro k'amatsinda y'abana hanyuma zigakora ubukangurambaga kugira ngo ababyeyi bajye bohereza abana mu itsinda.

*Amadini avuga nabi ibyo Kiliziya yemera*

Abari mu nama basanze abana bafashwa kugira ibisubizo by'ibibazo bahura nabyo muri urwo rwego.

Urugero: impamvu duhimbaza icyumweru aho guhimbaza isabato.

*Imfashanyigisho*

Abari mu nama basabye ko abarezi b'amatsinda y'abana, igihe bigisha, bajya bashaka amagambo yumvikanisha neza ibikubiye mu mfashanyigisho.

*Umubare muto w'abahungu bitabira itsinda ry'abana*

Hemejwe ko ababishinzwe bajya babasanga mu matsinda bakunda kubonekamo nko mu bahereza, bagashishikarizwa kujya bitabira amatsinda y'abana. Basanze kandi igihe cy'imikino abarezi b'amatsinda y'abana bajya batekereza no kudukino tw'abahungu.

*Abana batwarwa n'imfashanyo zitangwa n'andi madini n'amatorero* (ex: compassion)

Hifujwe ko abarezi bajya bashaka umwanya ukwiye wo kwigisha abo bana Iyobokamana rya Kiliziya Gatolika.

*Gukina inkuru zo muri Bibiliya:* Abari mu nama basanze ari byiza basaba abarezi kujya babifashamo abana uko bashoboye.

Hakurikiyeho kwigira ibibazo mu matsinda, barebera hamwe ibi bikurikira:

1. Umwaka w'urukundo mu bikorwa cyane cyane iby'impuhwe:
  - Wunguye iki abana?
  - Twakora iki kugira ngo barusheho kumva urukundo mu bikorwa?
2. Ni gute twarushaho gufasha abana kwitegura guhabwa amasakramantu y'ibanze:
  - Mu muryangoremezo aba buri cyiciro
    - Abatarabatizwa
    - Abatarahabwa Ukaristiya ya mbere na Penetensiya
    - Abatarakomezwa
3. Ntibyaba byiza hashatswe abunganira usanzwe yigisha abana?

4. Twakwifashisha dute abana bakomejwe bahoze mu matsinda kugira ngo bunganire abarezi b'amatsinda?
5. Twakoresha ubuhe buryo buboneye bwo kuva mu matsinda y'abana ujya mu bakuru?

### **Ibisubizo byatanzwe:**

1. Wabafashije kwitanga bashyira urukundo mu bikorwa
  - Abana uwabo bumvise ko gushyira urukundo mu bikorwa bibareba
  - Abana bumvise agaciro k'ibikorwa by'urukundo
  - Abarezi batanga urugero rwiza gushyira urukundo mu bikorwa
  - Abana basobanukiwe ibikorwa by'urukundo ibyo ari byo
  - Kurushaho kubashishikariza kugira umutima urangwa n'impuhwe kandi ko bigomba guhoraho
  - Abana bari baracikanywe n'amasakramantu, barayahawe
  - Bumvise ko impuhwe zitagomba kumvwa n'abakristu bakuru gusa
  - Gushimangira caritas yo mu bigo by'amashuri bashishikarizwa gufashanya
2. Abatarabatizwa:
  - Kubashyira ukwabo bakabigisha

### Abatarahabwa Ukaristiya ya mbere:

- Kubegera no kwigisha ababyeyi bakabumvisha ko ari ngombwa ko umwana ahabwa iryo sakramantu
- Abana bagomba gukurikiranwa bakamenya impamvu umwana adahabwa iryo sakramantu

### Abadahabwa isakramantu rya Penetensiya

- Gusobanurira abana ububi bw'icyaha bakabigisha gusaba imbabazi

### Ugukomezwa

- Gusobanurira abana ko ari isakramantu ribaherekeza mu buzima bwabo
  - Kubasoburira ibyiza byo guhabwa amasakramantu
  - Gutanga ingero nziza mu bana, abarezi barasabwa kutaganzwa n'ingero mbi imbere y'abana
  - Gushyira abana mu matsinda, bagakurikiranwa hakurikijwe ibyiciro bagasobanukirwa ibyiza dukesa amasakramantu
3. Yego kuko bifasha abana kumva ku buryo bwimbitse inyigisho bateganyirijwe

Bisaba kureba aho uwo wakunganira abo barezi aho yaturuka. Turasabwa gushaka abo barezi

4. Mbere na mbere tugomba kubasigasira mu matsinda, tukabegera no kumutinyura mu nyigisho

Turasabwa kubatumira bo ubwabo, nyuma tukabaha inshingano muri bagenzi babo

Gushyiraho ihuriro ryabo ribafasha mu kumva neza ko bakwiye gufasha bagenzi babo.

Kubashakirainyigishozibahugura,  
zibatinyurakugirangobazafashebarumunababo

Padiri ushinzwe amatsinda y'abana na padiri mukuru bakwiye gushyiraho ihuriro ryabo ribahugura, bakabumvisha ko babaye intumwa muri bagenzi babo.

5. – Kwifashisha abakuru b'urubyiruko bagasura amatsinda y'abana bakababwira ibyiza byo kujya mu rubyiruko

- Kugira imikoranire myiza y'abakuriye amatsinda y'abana n'urubyiruko

- Guha agaciro icyemezo cy'amatsinda y'abana kimwinjiza mu rubyiruko

- Kubakurikirana nyuma yo guhabwa inyigisho zanyuma yo gukomezwa, nyuma bakabashyikiriza abakuriye urubyiruko

- Gushyiraho uburyo abana bamaze gukomezwa bagashyikirizwa urubyiruko muri Paruwasi. Bakwiye gusobanukirwa ko babonye ubutumwa mu muryangoremezo bwo gufasha barumuna babo.

- Hakabaho ikindi gihe cy'iherekanya hagati ya padiri ushinzwe amatsinda y'abana n'ushinzwe urubyiruko hakabaho umuhango wo kwakira abo bana bashygikiwe n'itsinda ry'urubyiruko.

Mu gusoza, Padiri Fabiyani yasabye abahagarariye buri Paruwasi uko ari babiri kuzicarana bagategura neza uko ibyo bigishijwe byagezwa ku barezi b'amatsinda y'abana mu miryangoremezo yose ya Paruwasi yabo. Yarangije abashimira ubwitabire bwabo, uko bakurikiye neza inama n'ibitekerezo batangiye hamwe muri rusange no mu matsinda.

Inama yashojwe n'indirimbo y'Imihigo y'abavandimwe saa cyenda ,Padiri asabira umugisha abari aho, nuko ababishoboye barataha abandi bataha bukeye.

**Pierre NIYONSENGA,**  
**Serivisi y'ibiro by'Iyogezabutumwa**